Kigali le 28/02/1986

NGIRABATWARE.P.Céléstin
C/O MIJEUCOOP
B.P.1044
KIGALI

B.Rub.J A mise 4/3/86
Cf 18-3-86

A traiter par PGT
Date entrée : 27/2/86
N° Classement : 1791/11.04

Kubagize Komite ya JOC-Kigali
B.P.91
KIGALI.-

Impamvu:Gutanga ibisobanuro bihagije byatumye
Ntabona Konji.

Kubagize Komite ya JOC,

Nkulikije ibaruwa ya Présidente wa JOC/F yoku wa11/02/86 yansabaga ko niba mfite ibisobanuro bihagije ,byatumye nt abona Konji zanjye 83-84-85,mboherereje muliyi baruwa ibisobanuro-bihagije nziko byatumye mutampa izo konji.

Mbere nambere Konji za Noheli na Paska zibona abakozi bo mubiro kimwe n'abalimu yuko abanyeshuli baba baruhutse, njye nalinshinzwe Imikino yubwoko bwose na Discipline mumakipe yose yaba jociste

Championnat y'umupira w'amaguru muba Jociste no mumushinga wa B.I.T.yatangiraga mukwa8 ikarangira kuri taliki1/5 mukwakane nakoreshaga imikino ngororangingo,gusiganwa 25Km 42 Km 12k m kuruhande rw'abali n'abatega-rugoli,21 Km kuruhande rw'abagore.

Kuba nalinshinzwe discipline muba Jociste bos e,byatumaga kuli Noheli ntajya muli konji bitewe nuko muli ayo mezi nafunguzaga abajociste benshi babaga bafashwe mumikwabu,bigatuma mpo ra nzenguruka mumakipe yanyu yose,muziko muwa 83 nafunguje abantu 86 ako kazi katumaga njye mutanyemerera gufata izo konji.

Niyo mutanyemerera ko njya muli Konji,ngiran ge amakipe 25 nalimfite yakinaga imipira buli munsi ,sinali kubona u ko nyakontorora,kandi adakinira kubibuga bimwe.

Uretse kandi ibyo abakozi bose dukorana baben ye konji z'abo ziminsi 30 navuga nka KAZENGA Fabien,KAREMERA.Vedast e na GAHONGAYIRE Aurelie,mbonye njye mutanyibutse,nibwo kuya 26/7/85 nandikiye Mme la Présidente JOC/F musaba ko nanjye mwandiha izo Konj i, kugeza ubwo munyirukaniye mukigo cyanyu ntarabona Igisubizo.

Komite JOC,ngibyo ibisobanuro mfite,niba muda sobanukiwe neza mwansubiza nanjye nkabigeza kubashinzwe kurenganura abakozi maze bakazadukiranura.

Ndangije mboherereza amakipe nalinshinzwe mum upira w'amaguru yatumye ntabona uko nduhuka nkabandi bakozi.

Mugire amahoro mukazi kanyu.

NGIRABATWARE P.Céléstin

BIMENYESHEJWE

- Nyakubahwa Ministre w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative KIGALI.
- Bwana Encadreur w'Urubyiruko na za Koperative Kigali
- Umugenzuzi w'Imilimo KIGALI.

## AMAKIPE 25 YAKINAGA MUMWAKA WOSE MUBA JOCISTE

### MUGICE CYA I ( POULE.A)

1 -ABACURUZA CAGUWA
2 -ABACURUZA IMITAKO KUPOSTA
3 -ABACUZI B'INGUNGURU MU GAKINJIRO
4 -ABAKARANI NGUFU BO MUMUGI
5 -ABAKARANI NGUFU B'INYAMIRAMBO
6 -ABAKORA AMAGODORA MU GAKINJIRO
7 -ABAKODESHA AMAGARE NYABUGOGO
8 -ABAPAKIRA N4ABAPAKURURA IMIZIGO MU MODOKA
9--ABASANA IMODOKA KURI ROND POINT
10-ABADOZI B'INKWETO BO MUMUGI
11-ABACURUZA IMIFUKA MU ISOKO
12-ABABAJI BO MUMUHIMA.

### MUGICE CYA II (POULE .B)

1 -ABACURUZA AMARANGI
2 -ABACURUZA AMAKARA MUGAKINJIRO
3--ABACURUZA AMACUPA MUGAKINJIRO
4 -ABAKARANI B'IGIKONDO
5 -ABADOZI B'IMYENDA IGIKONDO
6 -ABASANA IMODOKA KURI GARE
7 -ABACUZI B'IMBABURA
8 -ABACURUZA IBITOKI MU ISOKO MUMUGI
9 -ABADOZI B'INKWETO BO MU BILYOGO
10-ABACURUZA IMBOGA MUMUGI
11-ABAKARANI B'INYABUGOGO
12-ABABAJI RUGENGE6 GAKINJIRO
13-ISHYIRAHAMWE RY'ABANYESHULI BIGA IGACULIRO.

Ngirabatware.P.Célèstin